




DISCOVER
— ITS BEAUTY —

Igice 2

IDINI RYA
ADAMU NA EVA

DR. NAJI IBRAHIM



IDINI RIMWE, UBUTUMWA BUMWE!

Kuva Adamu na Eva baremwa -mu mateka yose- idini ry'ukuri (Ukwemera) ryari rimwe, rifite n'ubutumwa bumwe bw'umwimerere bwagejejwe ku bantu mu bihe bitandukanye, kugira ngo bwibutse abantu bunabasubize mu murongo w'Intumwa n'abahanuzi barimo Adamu, Nowa, Aburahamu, Mosi, Yesu na Muhamadi (Imana ibahe amahoro n'imigisha bose); bose boherejwe n'Imana y'ukuri yonyine gutanga ubutumwa bumwe no gukurikira idini rimwe ry'Imana.

Aba bahanuzi n'Intumwa bose babwirije ubutumwa bumwe, bityo idini ryabo rigomba kuba rimwe!

Kuganduka ku bushake bw'Imana ni ishingiro ry'ubutumwa bwa-bo bose.

Iri jambo '**KUGANDUKA**' nicyo gisobanuro cy'ijambo **ISILAMU** mu rurimi rw'icyarabu.

Qor'an yemeza ko kugandukira Imana, cyangwa se '**Isilamu**' ari ryo dini ry'ukuri rya Adamu n'abandi bahanuzi bose n'Intumwa b'Imana. Bibiliya igaragaza mu mirongo yayo itandukanye aho Yesu yigishije abayoboke be gukora ibyo Imana ishaka no kubahiriza amategeko yayo.

Mu buryo nk'ubwo, Bibiliya muri King James Version, hari imvugo ivuga amagambo na yo yerekeza ku bisobanuro bya Isilamu byo kugandukira Imana imwe aho yagize iti: "Ku bw'ibyo, mugandukire Imana Nyagasani wanyu" (James 4: 7) .

Ijambo '**Umuyisilamu**' risobanura umuntu wubaha, ugendera muni y'ubushake bw'Imana y'ukuri. Ku bw'ibyo, Abayisilamu ni abayoboke nyabo ba Adamu, Nowa, Aburahamu, Mose, Yesu, Muhamadi, ndetse n'abandi bahanuzi.



IMANA IMWE Y'UKURI MURI BIBILIYA: MU ISEZERANO RYA KERA

Umva wa bwoko bw'Abisirayeli we, Uwiteka Imana yacu ni we Uwiteka wenyine. (Gutegeka Kwa Kabiri 6: 4).

Kuko ari jye Mana nta yindi ibaho. Ni jye Mana nta yindi duhwanye. (Yesaya 46: 9).

Ni cyo ubereye ukomeye, Uwiteka Mana, kuko nta wuhwanye nawe, kandi nta yindi mana iriho keretse wowe, nk'ibyo twumvishije amatwi yacu byose. (2 Samweli 7: 22).

Kugira ngo mumenye, munyizere, munyitegereze ko ari njye. Nta mana yambanjirije kubaho, kandi nta yizamperuka. (Yesaya 43: 10-11)

Uwiteka, nta wuhwanye nawe, nta yindi mana keretse wowe nk'uko twabyumvishije amatwi yacu byose. (1 Ibyo Ku Ngoma 17: 20)

Uwiteka Umwami wa Isirayeli, Uwiteka Nyiringabo Umucunguzi we aravuga ati “Ndi uwa mbere kandi ndi uw'imperuka, kandi nta yindi mana ibaho itari njye.” (Yesaya 44: 6)

Mwamamaze mubyigize hafi bijye inama. Ni nde werekanye ibyo uhereye mu bihe byashize? Ni nde wabibwirije uhereye kera? Si jyewe Uwiteka? Kandi nta yindi mana ibaho itari jye, Imana idaca urwa kibera kandi ikiza, nta yindi ibaho itari njye (Yesaya: 45: 21-23).



even strength
trouble thy power

PSALM 27

I have said, My God, why art thou so long to come to me? My soul is full of trouble, and my heart is vexed, because of the voice of the enemy. For I have said, My God, why art thou so long to come to me? My soul is full of trouble, and my heart is vexed, because of the voice of the enemy.

IMANA IMWE Y'UKURI MURI BIBILIYA: MU ISEZERANO RISHYA

Nuko umuntu aza aho ari aramubaza ati “Mwigisha mwiza, nkore cyiza ki ngo mpabwe ubugingo buhoraho?” Na we aramusubiza ati: “Unyitira iki mwiza? Umwiza ni umwe gusa, ni Imana.” (Matayo 19: 16-17).

Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo. (Yohana 17: 3)

Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine. (Matayo 4: 10)

Yesu aramusubiza ati “Iry'imbere ni iri ngo ‘Umva Isirayeli, Uwiteka Imana yacu ni we Mwami wenyine. Nuko rero ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose n'imbaraga zawe zose.’ Irya kabiri ngiri: ‘Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.’ Nta rindi tegeko rirusha ayo gukomera.” (Mariko 12: 29-31)

Uwo mwanditsi aramubwira ati “Ni koko mwigisha, uvuze ukuri yuko Imana ari imwe, nta yindi keretse yo yonyine.” (Mariko 12: 32)

Yesu arabasubiza ati “Ibyo nigisha si ibyanjye, ahubwo ni iby'lyantumye. Umuntu nashaka gukora ibyo Ikunda, azamenya ibyo nigisha ko byavuye ku Mana, cyangwa yuko mbivuga ku bwanjye. (Yohana 7: 16)



IMANA IMWE Y'UKURI MURI QUR'AN NTAGATIFU.

Kandi Imana yanyu ni Imana imwe, nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse yo, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi. (Qur'an 2: 163)

Vuga (yewe Muhamadi) uti “We ni Allah, umwe Rukumbi. Allah, Uwishingikirizwa, Ntiyabyaye kandi ntiyanabyawe. Ndetse nta na kimwe ahwanye na cyo. (Qur'an 112: 1-4)

Kandi nta ntumwa twigeze twohereza mbere yawe (yewe Muhamadi) ngo tubure kuyihishurira ko nta yindi mana ibaho ikwiriye gusengwa mu kuri itari Njye (Allah). Bityo nimungaragire (njyenyine). (Qur'an 21: 25)

Uwo ni Allah Nyagasani wanyu! Nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse We, Umuremyi wa byose. Ku bw'ibyho nimumusenge (wenyine), kandi ni We Muhagararizi wa byose. (Qur'an 6: 102)

Ese hari indi mana ibangikanye na Allah? Allah nta ho ahuriye n'ibyho bamubangikanya na byo (Qur'an 27: 63)

**Allah (ni we Mana y'ukuri) nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse We, Uhoraho (Nyirubuzima bwuzuye buzi-
ra inenge), Uwigize, akanabeshaho ibiriho byose. Ntafatwa no guhunyiza habe n'ibitotsi. Ibiri mu birere n'ibiri mu isi ni ibye. Ni inde wagira uwo avuganira iwe uretse ku bu-
renganzira bwe? Azi ibyababayeho (ku isi) n'ibizababaho (ku mperuka). Kandi nta n'icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse icyo ashaka. Kursiyu ye ikwiriye ibirere n'isi, kandi ntananizwa no kubirinda (ibirere n'isi). Ni na We Uwikirenga, Uhambaye. (Qur'an 2: 255).**



UMWANZURO

Abahanuzi b'Imana n'intumwa zose barimo Adamu, Nowa, Aburahamu, Mose, Yesu na Muhamadi boherejwe n'Imana imwe, Umuremyi, kugira ngo batange ubutumwa bumwe bw'uko:

Imana y'ukuri ari imwe gusa, Yo yonyine ikwiye gusengwa no kwitwararika amategako ya yo.

Kubera ko aba bahanuzi n'intumwa bose babwirije ubutumwa bumwe, idini ryabo naryo rigomba kuba rimwe! None iri dini ryabo ryaba irihe?

Kugandukira ubushake bw'Imana ni cyo kintu shingiro cy'ubutumwa bwabo; iri jambo **'KUGANDUKA'** ni cyo gisobanuro cy'ijambo **'ISILAMU'** mu rurimi rw'icyarabu.

Qur'ani yemeza ko Isilamu ari ryo dini ry'ukuri rya Adamu na Eva n'ababakomokaho kugeza ku munsu w'urubanza.

Mu gusoza, kugira ngo tugere ku gakiza no kurokoka ibihano, tugomba kwakira no kwizera ubutumwa twavuze haruguru, tubishakakandi tubikuye ku mutima. Ariko ibi ntibihagije! Ahubwo tugomba no kwizera Intumwa n'abahanuzi b'ukuri b'Imana bose barimo n'Intumwa Muhamadi (Imana ibahe amahoro n'imigisha) kandi tugakurikiza idini ryabo, umuyoboro wabo ndetse n'inyigisho zabo.

Iyi ni yo nzira iganisha ku buzima bw'umunezero w'iteka!



AMAZINA SHINGIRO N'INYITO ZA KISLAMU

Allah: Mu rurimi rw'icyarabu ni izina bwite ry'Imana imwe y'ukuri, Umuremyi. Isilamu yigisha ko Allah ari Imana y'ukuri y'abantu bose; Abayahudi n'Abakristu b'abarabu bakoresha iri zina (Allah) bashaka kuvuga Imana, kandi ni ijambo ryakoreshejwe ku Mana muri Bibiliya ziri mu rurimi rw'Icyarabu.

Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha): Ni Umuhanuzi wa nyuma w'Imana imwe y'ukuri yohereje ku bantu bose.

Qur'an Ntagatifu: Ni ijambo rya nyuma ry'Imana y'ukuri nuko yahishuriwe umuhanuzi Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Isilamu: Ni ukugandukira ubushake bw'Imana y'ukuri, Umuremyi.

Umuyisilamu: Ni uwubahiriza ubushake bw'Imana imwe y'ukuri (Allah), Umuremyi.

Umusigiti (Masjid): Ni aho abayisilamu basengera hatagatifu kandi hasukuye, ndetse bakanahasingiriza Allah.




Allah mu rurimi
rw'icyarabu



Umuyisilamu uri
kugaragira Allah



Qur'an Ntagatifu



Izina Muhamadi mu
rurimi rw'icyarabu

Waba ufite amatsiko?

Niba ufite amatsiko ukaba unanyotewe no kumenya byinshi kuri Isilamu mu buryo burambuye, gerageza usure izi mbuga zacu zikurikira:

www.discoveritsbeauty.com

Ntutinye no kutwandikira utubaza cyangwa uduha ibitekerezo byawe kuri imeyili (e-mail):

info@discoveritsbeauty.com

IMBUGA ZA MURANDASI ZA ISLAM ZAGUFASHA:

<http://www.allahsquran.com>

<http://www.quranexplorer.com>

<http://www.islamhouse.com>

<http://www.edialogue.org>

<http://www.islamreligion.com>

<http://www.newmuslimguide.com>

URUHEREREKANE RW'UDUTABO TWA VUMBURA UBWIZA BWABWO MU MINOTA 7:

1. Agatonyanga mu nyanja
2. Idini rya Adamu na Eva
3. Byinshi kuri Islam
4. Gusubiza ibibazo by'ingenzi umuntu yibaza
5. Amazina ye (Allah) meza
6. Ubuhanuzi bwa nyuma
7. Intumwa ya nyuma

UBUHAMYA BW'UKWEMERA (AMAREMBO AKWINJIZA MURI ISLAM)

«Ndahamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah, nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah».

Mu cyarabu basoma ngo:



Ari byo bivuga ngo:

**ACH-HADOU ALLA ILAHA ILLA ALLAH WA ACH-HADOU
ANNA MOHAMADANE RASSOULOULLAH.**



Ubu ni ubuhamya bw'ukwemera umuntu aba agomba kuvuga kugira ngo abe Umuyisilamu; bubumbiye hamwe ukuri, ubwiza n'ukoroha kwa Isilamu.



DISCOVER

—ITS BEAUTY—

WWW.DISCOVERITSBEAUTY.COM



Scan it!

GLOBAL ACADEMY FOR TRANSLATION AND EDUCATION (GATE)
LONDON | THE UNITED KINGDOM

كتاب دين آدم وحواء باللغة الرواندية